

ITEGEKO N° 24/2008 RYO KUWA 23/07/2008 RISHYIRAHO IMITERERE, IBISOBANURO, IMIKORESHEREZE N'UBURINZI BY'IKIRANGO CYA REPUBULIKA

LAW N° 24/2008 OF 23/07/2008 DETERMINING THE CHARACTERISTICS, SIGNIFICANCE, USAGE AND PROTECTION OF THE SEAL OF THE REPUBLIC

LOI N° 24/2008 DU 23/07/2008 PORTANT CARACTERISTIQUES, SIGNIFICATION ET GARDE DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije**

**Article One: The purpose of the Law**

**Article premier : Objet de la loi**

**UMUTWE WA KABIRI: IMITERERE Y'IKIRANGO CYA REPUBULIKA**

**CHAPTER II: CHARACTERISTICS OF THE SEAL OF THE REPUBLIC**

**CHAPITRE II : CARACTERISTIQUES DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE**

**Ingingo ya 2: Ibigize Ikirango cya Repbulika**

**Article 2: Components of the Seal of the Republic**

**Article 2 : Composantes du Sceau de la République**

**Ingingo ya 3: Amabara na kode bigize Ikirango cya Repbulika**

**Article 3: Colour of the Seal of the Republic and their codes**

**Article 3 : Couleurs du Sceau de la République et leurs codes**

**Ingingo ya 4: Ikirango cya Repbulika cy'Umwimerere**

**Article 4: Original design of the Seal of the Republic**

**Article 4 : Modèle original du Sceau de la République**

**Ingingo ya 5: Ikirango cya Repbulika kitari icy'umwimerere**

**Article 5: Ordinary Seal of the Republic**

**Article 5 : Sceau ordinaire de la République**

**Ingingo ya 6:** Ibirango bikoreshwa n'inzego za Leta

**Article 6:** Types of the Seal used by Government authorities

**Article 6 :** Types de Sceau utilisé par les administrations étatiques

**Ingingo ya 7:** Ibisobanuro by'ibigize Ikirango cya Repubulika

**Article 7:** Definitions of components of the Seal of the Republic

**Article 7 :** Définitions des éléments constitutifs du Sceau de la République

**UMUTWE WA III: IMIKORESHEREZE Y'IKIRANGO CYA REPUBULIKA**

**CHAPTER III: USAGE OF THE SEAL OF THE REPUBLIC**

**CHAPITRE III : UTILISATION DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE**

**Ingingo ya 8:** Ikirango kitari icy'umwimerere ku mategeko n'amateka n'ibindi byemezo

**Article 8:** Usage of the ordinary Seal of the Republic on laws, Orders and other deeds

**Article 8 :** Utilisation du Sceau ordinaire de la République sur les lois, les arrêtés et autres actes

**Ingingo ya 9:** Ikoreshwa ry'Ikirango cya Repubulika mu buryo bw'Ubuyobozi bwa Leta.

**Article 9:** Use of the Seal of the Republic for administrative purposes

**Article 9 :** Utilisation du Sceau de la République pour des raisons administratives

**Ingingo ya 10 :** Ishyirwa ry'Ikirango cya Repubulika ku mategeko n'amateka

**Article 10:** Sealing Laws and Orders

**Article 10 :** Apposition du Sceau de la République sur lois et les arrêtés

**Ingingo ya 11:** Ikorwa rya za kashe z'Ikirango cya Repubulika

**Article 11:** Making the stamps with the Seal of the Republic

**Article 11 :** Fabrication de cachets avec Sceau de la République

**UMUTWE WA IV: IBIJYANYE N'UBURINZI BW'IKIRANGO CYA REPUBULIKA**

**CHAPTER IV: PROTECTION OF THE SEAL OF THE REPUBLIC**

**CHAPITRE IV : GARDE DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE**

**Ingingo ya 12:** Ibijyanye n'uburinzi bw'Ikirango cya Repubulika

**Article 12:** Protection of the Seal of the Republic

**Article 12 :** Garde du Sceau de la République

**Ingingo ya 13:** Ibirango bishaje, byahindutse cyangwa bitagikoreshwa

**Ingingo ya 14:** Ibijyanye n'ibihano

**UMUTWE WA V: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 15:** Ibyari bisanzweho Ikirango cyavanweho

**Ingingo ya 16:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

**Ingingo ya 17:** Igihe itegeko ritangira gukurikizwa

**UMUGEREKA**

**Article 13:** Old, changed or no longer valid seals

**Article 14:** Penalties

**CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 15:** Documents in use with a Seal cancelled

**Article 16:** Abrogating provisions

**Article 17:** Commencement

**ANNEX**

**Article 13 :** Sceaux obsolètes, altérés ou hors d'usage

**Article 14 :** Peines

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 15:** Les documents en usage avant la suppression du Sceau

**Article 16 :** Disposition abrogatoire

**Article 17 :** Entrée en vigueur

**ANNEXE**

**ITEGEKO N° 24/2008 RYO KUWA 23/07/2008 RISHYIRAHU IMITERERE, IBISOBANURO, IMIKORESHEREZE N'UBURINZI BY'IKIRANGO CYA REPUBULIKA**

**Twebwe, KAGAME Paul,  
Perezida wa Repubulika;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO, YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Mata 2008;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, iya 118, iya 201 n'iya 202;

Isubiye ku itegeko n° 35/1987 ryo ku wa 17/09/1987 ritunganya uburinzi bw'ibirango nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

**LAW N° 24/2008 OF 23/07/2008 DETERMINING THE CHARACTERISTICS, SIGNIFICANCE, USAGE AND PROTECTION OF THE SEAL OF THE REPUBLIC**

**We, KAGAME Paul,  
President of the Republic;**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 28 April 2008;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 6, 90, 92, 93, 108, 118, 201 and 202;

Reviewed the Law n° 35/1987 of 17/09/1987 governing the protection of Seals as amended and complemented to date;

**LOI N° 24/2008 DU 23/07/2008 PORTANT CARACTERISTIQUES, SIGNIFICATION ET GARDE DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE**

**Nous, KAGAME Paul,  
Président de la République,**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 28 avril 2008;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 6, 90, 92, 93, 108, 118, 201 et 202;

Revu la Loi n° 35/1987 du 17/09/1987 organisant la garde des Seaux telle que modifiée et complétée à ce jour ;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo itegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'uburinzi by'ikirango cya Repubulika.

**UMUTWE WA KABIRI: IMITERERE Y'IKIRANGO CYA REPUBULIKA**

**Ingingo ya 2: Ibigize Ikirango cya Repubulika**

Ikirango cya Repubulika kigizwe n'uruziga rw'icyatsi kibisi n'ipfundo ry'umugozi w'iryo bara upfunditse hasi, ahagana hejuru hakabamo inyandiko « REPUBULIKA Y'U RWANDA ». Muni y'ipfundo handitse amagambo agize intego ya Repubulika « UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU ». Izo nyandiko zose zanditse mu nyuguti z'umukara ku ibara ry'umuhondo. Ikirango cya Repubulika kigizwe kandi n'amashusho akurikira: izuba, imirasire yaryo, ishaka n'ikawa, agaseke, uruziga rw'ubururu rufite amenyo n'ingabo ebyiri, imwe iri iburyo indi iri ibumoso.

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: The purpose of the Law**

This Law determines characteristics, significance, usage and protection of the Seal of the Republic.

**CHAPTER II: CHARACTERISTICS OF THE SEAL OF THE REPUBLIC**

**Article 2: Components of the Seal of the Republic**

The Seal of the Republic of Rwanda SHALL consist of a green ring with a knot of the same colour tied at the lower edge of the ring; on the top are the imprints "REPUBLIC OF RWANDA". Below the knot is the national motto "UNITY, WORK, PATRIOTISM". All imprints are written in black characters on a yellow background. The Seal of the Republic of Rwanda also consists of the following features: the sun, its rays, sorghum and coffee, a small basket, a blue cogged wheel and one shield at the right hand side and another at the left hand side.

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la loi**

La présente loi porte sur les caractéristiques, la description, l'utilisation et garde du Sceau de la République.

**CHAPITRE II : CARACTERISTIQUES DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE**

**Article 2 : Composantes du Sceau de la République**

Le Sceau de la République du Rwanda est composé d'un cercle de couleur verte en bas duquel se trouve un nœud de même couleur, en haut se trouvant les caractères « REPUBLIQUE DU RWANDA ». En dessous du nœud se trouve la devise de la République à savoir « UNITE, TRAVAIL ET PATRIOTISME ». Tous ces caractères sont imprimés en noir sur fond jaune. Le Sceau de la République du Rwanda comporte également les idéogrammes suivants : le soleil, les rayons solaires, un gerbe de sorgho et un caféier, un petit panier, une roue dentée de couleur bleue et deux boucliers se trouvant l'un à droite et l'autre à gauche.

**Ingingo ya 3: Amabara na kode bigize ikirango cya Repubulika**

Ikirango cya Repubulika kigizwe n'amabara na kodi bikurikira:

Umuhondo wanditsemo inyuguti  
Umuhondo w'izuba  
Ocre y'agaseke n'ingabo  
Umutuku w'ihundo y'ishaka ryeze n'imbutu z'ikawa zeze  
Icyatsi kibisi cy'uruziga ruzengurutse ikirango, ibibabi by'ikawa n'ishaka  
Ubururu bukeye bw'uruziga rw'amenyo  
Ubururu bwijimye bw'uruziga rw'imbere y'uruziga rw'amenyo  
Umukara w'inyuguti n'uwimirongo itatse agaseke.

Aya amabara yubahiriza kode zikurikira

Umuhondo : RAL 1023  
Umuhondo w'izuba: RAL 1003  
Ocre y'agaseke n'ingabo: HKS 71N  
Umutuku: Panthène 1945C  
Icyatsi : RAL 6029  
Ubururu bukeye: Panthène 299 2x  
Ubururu bwijimye: HKS 39N

**Article 3: Colour of the Seal of the Republic and their codes**

The Seal of the Republic shall have respect the following colours and codes :

the yellow colour of imprints,  
the golden colour,  
the Ochre, the shields,  
the red colour of a ripe spike of sorghum and ripe coffee beans  
the green colour of the cogged wheel making the border of the Seal, leaves of sorghum and coffee tree, the light blue colour of a cogged wheel,  
the dark blue colour of the inner cogged wheel,  
  
the black colour of imprints and decoration of ochre.

The colours of the Seal shall respect the following codes :

Yellow : RAL 1023  
Golden yellow: RAL 1003  
The basket'ocre and shields: HKS 71N  
Red: Panthène 1945C  
Green : RAL 6029  
Light blue: Panthène 299 2x  
Dark blue: HKS 39N

**Article 3: Couleurs du Sceau de la République et leurs codes**

Le Sceau de la République comprend les couleurs et les codes suivants :

la couleur jaune avec imprimés,  
la couleur dorée,  
Ocre du petit panier Agaseke et les boucliers, le rouge de l'épi de sorgho mur et de cerises de café mur,  
la couleur verte d'une roue dentée formant le contour du Sceau, des feuilles de sorgho et de caféier,  
la couleur bleue claire d'une roue dentée,  
  
la couleur bleue foncée en cercle placée devant la roue intérieure dentée, la couleur noire des imprimés et du motif décoré sur le petit panier Agaseke.

Ces couleurs doivent répondre aux codes suivants :

La couleur jaune : RAL 1023  
La couleur dorée: RAL 1003  
L'ocre du panier et des boucliers: HKS 71N  
La couleur rouge: Panthène 1945C  
La couleur verte : RAL 6029  
La couleur bleue claire: Panthène 299 2x  
La couleur bleue foncée: HKS 39N

**Ingingo ya 4: Ikirango cya Repubulika cy'Umwimerere**

Ikirango cya Repubulika cy'umwimerere gikorwa mu mwenda wa kotoni. Ingero z'uwo mwenda ni santimetero ijana na mirongo icyenda n'eshanu (195) z'uburebure na santimetero ijana na mirongo itatu (130) z'ubugari.

Ikirango cya Repubulika cy'umwimerere gikoreshwa nta wino, kiba gifite umurambaro wa santimetero eshanu (5).

Ibyo birango byombi bibikwa muri Perezidansi ya Repubulika.

**Ingingo ya 5: Ikirango cya Repubulika kitari icy'umwimerere**

Ikirango cya Repubulika kitari icy'umwimerere gishushanywa mu mwenda w'umweru wa poliyesiteri ijana ku ijana (100%), hakurikijwe ingero zivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya kane (4).

Ishusho ry'ikirango cya Repubulika nk'uko rigaragara ku mugereka, rigomba kubahiriza ingero zivugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya (4) y'iri tegeko.

**Article 4: Original design of the Seal of the Republic**

The original Seal of the Republic of Rwanda shall be made of cotton cloth. The measurements of such a piece of cloth shall be one hundred and ninety five (195) centimetres long and one hundred and thirty (130) centimetres wide.

The original Seal used in a dry form shall have the diameter of five (5) centimetres.

Both original designs shall be kept in the Office of the President of the Republic.

**Article 5: Ordinary Seal of the Republic**

The ordinary Seal of the Republic of Rwanda shall be designed in a white piece of cloth of polyester one hundred percent (100%), in accordance with measurements set in paragraph One of Article 4 of this Law.

The design of the Seal of the Republic as referred to in the annex of this law shall respect the measurements referred to measurements set in paragraph one of article 4 of this law.

**Article 4: Modèle original du Sceau de la République**

Le modèle original du Sceau de la République du Rwanda est cousu en tissu de coton. Les dimensions de ce tissu sont de cent quatre-vingt quinze (195) centimètres de longueur et de cent trente (130) centimètres de largeur.

Le Sceau original utilisé à sec mesure cinq (5) centimètres de diamètre.

Ces deux modèles de Sceau sont gardés à la Présidence de la République.

**Article 5 : Sceau ordinaire de la République**

Le Sceau ordinaire de la République du Rwanda est représenté sur un tissu en polyester cent pour cent (100%) de couleur blanche, conformément aux dimensions définies à l'alinéa premier de l'article 4 de la présente loi.

Le modèle du Sceau de la République tel qu'il apparaît en annexe de la présente loi respecte les dimensions définies à l'alinéa premier de l'article 4 de la présente loi.

**Ingingo ya 6: Ibirango bikoreshwa n'inzege za Leta**

Ubutegetsi bwite bwa Leta n'ibigo bya Leta bikoresha ibirango bihuye n'urugero ruteganywa n'umugereka w'iri tegeko, hongewemo uruziga rumwe rufite milimetero mirongo ine (mm 40) z'umurambararo, izina ry'ubutegetsi cyangwa ikigo cya Leta kigikoresha.

Igihe hari inyangiko zireba Ubutegetsi bwite bwa Leta n'Imiryango Mpuzamahanga, ikirango cya Repubulika gishobora gukoreshwa kibangikanye n'ikirango cy'uwo muryango. icyo gihe ikirango cy'Igihugu kijya ibumoso.

**Ingingo ya 7: Ibisobanuro by'ibigize Ikirango cya Repubulika**

Ibisobanuro by'ibigize ikirango cya Repubulika ni ibi bikurikira:

- 1° Uruziga rufite ibara ry'icyatsi kibisi n'ipfundo rimwe, bivuga ikimenyetso cy'ubumwe bw'Abanyarwanda bose bibumbiye hamwe, kandi batahiriza umugozi umwe;
- 2° Izuba n'imirasire makumyabiri n'ine (24), bivuga gukorera mu mucyo no kurwanya

**Article 6: Types of the Seal used by Government authorities**

Government authorities and Public institutions shall use a seal which is similar to the sample appended to this law, with a circle of a forty millimetres (40 mm) diameter, the name of such a government authority or public institution using it.

In case there are documents concerning Government administration and international organizations, the Seal of the Republic may be used along side the logo of that organization. In that case, the national Seal is placed at the left hand side.

**Article 7: Definitions of components of the Seal of the Republic**

The components of the Seal of the Republic shall have the following meaning:

- 1° The green ring and knot symbolise unity of all Rwandans united and working for the same goal;
- 2° The sun and twenty four (24) rays symbolise transparency and fighting ignorance;

**Article 6: Types de Sceau utilisé par les administrations étatiques**

L'Administration centrale et les institutions publiques utilisent le Sceau conforme au modèle prévu à l'annexe de la présente loi, avec un cercle dont le diamètre est de 40 mm dans lequel est inscrit au dessus et dans les cotés la dénomination de l'administration étatique ou l'établissement public utilisateur.

S'il y a des documents concernant à la fois Les Administrations centrales et les Organismes Internationaux, le Sceau de la République peut être utilisé côte à côte avec le logo de l'organisme international concerné. Dans ce cas, le Sceau de la République est apposé à gauche.

**Article 7: Définitions des éléments constitutifs du Sceau de la République**

Les éléments constitutifs du Sceau de la République portent les significations suivantes :

- 1° Le cercle de couleur verte et un nœud renvoient au symbole de l'unité du peuple rwandais et qui tend vers un même but ;
- 2° Le soleil et ses vingt quatre (24) rayons symbolisent la transparence et la lutte contre



*O.G. n° 16 of 20/04/2009*

- ubujiji ;
- 3° Ishaka rifite ihundo n'ibibabi bine (4) n'ikawa ifite ibibabi cumi n'abitandatu (16) n'imbutu makumyabiri n'umunani (28), bivuga umusaruro unyuranye ugizwe n'ibihingwa ngandurarugo n'ibihingwa ngengabukungu;
- 3° The sorghum of one spike and four (4) leaves and the coffee of sixteen (16) leaves and twenty eight (28) grains symbolise wealth including food crops and cash crops;
- 3° Une tige de sorgho portant un épi et quatre (4) feuilles et un caféier de seize (16) feuilles et vingt huit (28) grains symbolisent la richesse en cultures vivrières et industrielles ;
- 4° Agaseke gapfundikiye k'amabara abiri, bivuga umuco w'Abanyarwanda wo gukomeraho, kuzigama, gufatanya muri byose no gusangira;
- 4° The small covered basket of two colours symbolises the Rwandan culture to be safeguarded: saving, solidarity in all matters and sharing;
- 4° Un petit panier couvert à deux couleurs symbolise la culture rwandaise à sauvegarder, l'épargne, de solidarité dans tous les domaines et le partage;
- 5° Uruziga rw'amenyo makumyabiri n'ane ariko cumi n'icyenda (19) ari yo agaragara kandi rufite ibara ry'ubururu, bivuga ikimenyetso cyo guharanira ikoranabuhanga n'iterambere ry'inganda mu Rwanda;
- 5° The blue wheel of twenty four (24) cogs of which nineteen (19) cogs are visible, symbolises technology and industrial development in Rwanda;
- 5° Une roue de couleur bleue de vingt quatre (24) dents dont dix neuf (19) sont seules visibles symbolise la promotion de la technologie et du développement industriel au Rwanda.
- 6° Ingabo ebyiri, imwe iri iburyo, indi ibumoso, bivuga gukunda Igihugu no kukirinda. Abanyarwanda bose hamwe, mu bumwe, barinze ubusugire bw'Igihugu cyabo kandi biteguye kukirengera;
- 6° The two shields, one at the right hand side and another at the left hand side, symbolise patriotism and defence of the country. All Rwandans together, in unity, safeguard the national sovereignty and are ready to defend their country;
- 6° Deux boucliers, l'un à droite et l'autre à gauche symbolisent le patriotisme et la défense de la patrie. Tous les Rwandais unis ensemble assure la sécurité de leur patrie et sont prêts à la défendre ;
- 7° Intego ya Repubulika: Ubumwe, Umurimo, Gukunda Igihugu: ni intego buri munyarwanda agomba guhora azirikana kugira ngo yumve ko Igihugu
- 7° The motto of the Republic: Unity, Work, Patriotism" refers to the motto that every Rwandan should always have in mind and understand that he/she shares with other
- 7° La devise de la République : Unité, Travail Patriotisme est la devise que chaque Rwandais doit tenir toujours à cœur et comprendre qu'il partage son pays avec les

cye agisangiye n'abanyarwanda bose, ko agomba kugiteza imbere yitabira umurimo, ko agomba kugikunda no kucyitangira.

Rwandans the country, that he/she has to work hard to develop it and to be patriotic to the extent he/she can sacrifice his/her life for it.

autres Rwandais, qu'il doit s'atteler au travail pour le développer, être patriotique quitte à sacrifier sa vie pour son pays.

### **UMUTWE WA III: IMIKORESHEREZE Y'IKIRANGO CYA REPUBULIKA**

#### **Ingingo ya 8: Ikirango kitari icy'umwimerere ku mategeko n'amateka n'ibindi byemezo**

Mbere y'uko bitangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, amategeko, amategeko-teka, amateka n'amabwiriza rusange bireba rubanda bigomba gushyirwaho ikirango cya Repubulika kitari icy'umwimerere.

Ikirango cya Repubulika kitari icy'umwimerere gishyirwa kandi ku byemezo bihabwa abashyizwe mu nzego z'ishimwe, ku mpapuro ziha cyangwa zambura ububasha abahagarariye u Rwanda mu mahanga, ku mpapuro zishyiraho abahagarariye inyungu z' u Rwanda mu mahanga, ku mpapuro zemerera abahagarariye ibindi bihugu mu Rwanda, kimwe no ku mpapuro zitanga ububasha burambuye bwo gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga mu izina ry'u Rwanda ndetse n'izihama burundu ayo masezerano.

### **CHAPTER III: USAGE OF THE SEAL OF THE REPUBLIC**

#### **Article 8: Usage of the ordinary Seal of the Republic on laws, Orders and other deeds**

Before their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, Laws, Decree-laws, Orders and general Regulations concerning the people shall be sealed with the ordinary Seal of the Republic.

Testimonials that are given to persons designated in National orders, accreditation and recall letters of Rwanda's Ambassadors abroad, appointment letters for Rwanda's consuls, credentials for the foreign Ambassadors in Rwanda as well as letters assigning to a person full powers as to signing international conventions and their ratification on behalf of the Republic of Rwanda shall be also sealed with the ordinary Seal of the Republic.,

### **CHAPITRE III : UTILISATION DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE**

#### **Article 8 : Utilisation du Sceau ordinaire de la République sur les lois, les arrêtés et autres actes**

Avant leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda, les lois, les décrets-lois, les arrêtés et les règlements de portée générale doivent porter le Sceau ordinaire de la République.

Le Sceau ordinaire de la République est également apposé sur les certificats de mérite délivrés aux personnalités nommées dans les Ordres Nationaux, sur les lettres de créance ou de rappel dans le pays des représentants diplomatiques du Rwanda à l'étranger, sur les lettres des nominations des Consuls du Rwanda à l'étranger, sur les lettres d'agrément des représentants diplomatiques des pays étrangers au Rwanda ainsi que sur les documents d'octroi de pleins pouvoirs aux plénipotentiaires pour signer les engagements internationaux et leur ratification pour le compte du Rwanda.

**Ingingo ya 9: Ikoreshwa ry'Ikirango cya Repubulika mu buryo bw'Ubuyobozi bwa Leta.**

Ikirango cya Repubulika kitari icy'umwimerere gikoreshwa na wino gishyirwa ku mpapuro z'Ubutegesi bwite bwa Leta zose, mu buryo buteganwa n'amategeko.

Abemerewe gukoresha Ikirango cya Repubulika mu buryo bw'ubuyobozi bwa Leta ku mpapuro zitumira, amakarita agaragaza aho umuntu abarizwa n'impapuro zicapye ni Abayobozi b'ikirenga b'Igihugu n'abandi bagenwa n'iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 10: Ishyirwa ry'Ikirango cya Repubulika ku mategeko n'amateka**

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, ashira Ikirango cya Repubulika ku mpapuro z'umwimerere z'amategeko, amategeko-teka, amateka n'amabwirizwa rusange avugwa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 8 y'iri tegeko, bikemezwa n'umukono we ubanjirijwe n'amagambo « Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: ».

**Ingingo ya 11: Ikorwa rya za kashe z'Ikirango cya Repubulika**

Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze

**Article 9: Use of the Seal of the Republic for administrative purposes**

The ordinary Seal of the Republic with ink shall be affixed on all the Public administration's documents in accordance with the law.

The persons authorized to use the Seal of the Republic on invitation, visiting cards and imprints shall be the country's top officials and other officials determined by a Presidential Order.

**Article 10: Sealing Laws and Orders**

The Minister in charge of Justice shall seal with the Seal of the Republic the original documents of Laws, Decree-laws, Orders and general regulations referred to paragraph One of Article 8 of this Law and confirmed them by his/her signature preceded by words "Seen and Sealed with the Seal of the Republic:".

**Article 11: Making the stamps with the Seal of the Republic**

The Minister in charge of justice shall be the one

**Article 9: Utilisation du Sceau de la République pour des raisons administratives**

Le Sceau ordinaire de la République à ancre est apposé sur tous les documents de l'administration publique conformément à la loi.

Les personnes autorisées à utiliser le Sceau de la République sur les cartes d'invitation, les cartes de visite et les imprimés sont les hautes autorités du pays et les autres autorités définies par arrêté présidentiel.

**Article 10: Apposition du Sceau de la République sur lois et les arrêtés**

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions appose le Sceau de la République sur les originaux des lois, des décrets-lois, des arrêtés et des instructions de portée générale visés à l'alinéa premier de l'article 8 de la présente loi et les confirme par sa signature précédée des imprimés « Vu et scellé du Sceau de la République : ».

**Article 11: Fabrication de cachets avec Sceau de la République**

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions

niwe ushinzwe gukoresha no gutanga kashe y'Ikirango cya Repubulika zikoreshwa mu Rwanda hose ndetse no muri za Ambasade na Konsila z'u Rwanda mu mahanga.

Inzego z'imirimu bireba zerekana ishusho ya kashe zifuza.

Kugira ngo hakoreshwe kashi y'Ikirango cya Repubulika ishyirwa ku rupapuro nta wino, Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ni we ubitangira uburenganzira bimaze gusabwa na serivisi ibikeneye.

Kashe z'Ikirango cya Repubulika ya Perezidansi ya Repubulika, iya Banki Nkuru y'Igihugu, iza Ambasade z'u Rwanda mu mahanga, Serivisi ishinzwe abinjira n'abasohoka mu Gihugu n'ya Serivisi ishinzwe gutanga impushya zo gutwara imodoka, zikoreshwa na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

Ubuyobozi bw'Intara, ubw'Umujyi wa Kigali n'ubw'Uturere busaba Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze gukoresha kashe z'ikirango cya Repubulika bubinyujije kuri Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

empowered to design and issue the stamps with the Seal of the Republic to be used anywhere in Rwanda as well as in Embassies and Consulates of Rwanda abroad.

The concerned Services shall present the format of the Seal they need.

The Minister in charge of justice grants permission to make the dry Seal of the Republic, upon request from the authority in need.

The Minister in charge of justice shall have the power for making the stamps with the Seal of the Republic for the President's office, the Central Bank, Rwanda Embassies abroad, Authorities responsible for Immigration and Emigration, Authorities responsible for issuing driving license made.

The Administration of Provinces, City of Kigali and Districts shall request for authorization from the Minister in charge of justice through the Minister in charge of Local government for orders of the seals.

veille à la fabrication des cachets portant le Sceau de la République utilisés partout au Rwanda ainsi que dans les Ambassades et les Consultats du Rwanda à l'étranger.

Les services concernés présentent le modèle de Sceau qu'ils souhaitent.

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions donne l'autorisation de faire fabriquer le cachet à sec portant le Sceau de la République sur demande du service qui en a besoin.

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions fait fabriquer les cachets portant le Sceau de la République pour la Présidence de la République, la Banque Nationale du Rwanda, les Ambassades du Rwanda à l'étranger, des services de l'Immigration et de l'Emigration et les services chargés de délivrer les permis de conduire.

L'Administration des provinces, de la Ville de Kigali et des Districts demande l'autorisation du Ministre ayant la justice dans ses attributions sous le couvert du Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions pour faire confectionner les cachets portant le Sceau de la République.

**UMUTWE WA IV: IBIJYANYE N'UBURINZI BW'IKIRANGO CYA REPUBULIKA**

**Ingingo ya 12: Ibijyanye n'uburinzi bw'Ikirango cya Repubulika**

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze niwe Murinzi w'Ikirango cya Repubulika.

**Ingingo ya 13: Ibirango bishaje, byahindutse cyangwa bitagikoreshwa**

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ashidikirizwa ibirango byose bishaje, ibyahindutse, cyangwa bitagikoreshwa.

**Ingingo ya 14: Ibijyanye n'ibihano**

Umuntu wese ukora ibinyuranyije n'iri tegeko ahanishwa ibihano biteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana.

**UMUTWE WA V: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 15: Ibyari bisanzweho ikirango cyavanweho**

Ibintu byose biriho ikirango cya Repubulika y'u Rwanda cyari gisanzweho mbere y'itariki ya 31 Ukuboza 2001 bigumana agaciro kabyo kugeza igihe bikuriweho n'amategeko yihariye.

**CHAPTER IV: PROTECTION OF THE SEAL OF THE REPUBLIC**

**Article 12: Protection of the Seal of the Republic**

The Minister in charge of justice shall be the custodian of the Seal of the Republic.

**Article 13: Old, changed or no longer valid seals**

Old, changed or no longer valid Seals shall be surrendered to the Ministry in charge of justice.

**Article 14: Penalties**

Any person who contravenes this Law shall be liable to a penalties provided for by the Penal Code.

**CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 15: Documents in use with a Seal cancelled**

All documents sealed with the Seal of the Republic of Rwanda which was in use before December 31, 2001 shall remain valid until they are cancelled by specific laws.

**CHAPITRE IV : GARDE DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE**

**Article 12 : Garde du Sceau de la République**

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions est le gardien du Sceau de la République.

**Article 13 : Sceaux obsolètes, altérés ou hors d'usage**

Les Sceaux obsolètes, altérés ou hors d'usage sont remis au Ministre ayant la justice dans ses attributions.

**Article 14 : Peines**

Tout contrevenant aux dispositions de la présente loi est passible de peines prévues par le code pénal.

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 15: Les documents en usage avant la suppression du Sceau**

Tous les documents scellés du Sceau de la République en usage avant le 31 décembre 2001 restent valables jusqu'à leur suppression par des lois spécifiques.

**Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 17: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 23/07/2008

Perezida wa Repubulika  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Minisitiri w'Intebe  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**Article 16: Abrogating provisions**

All previous legal provisions contrary to this Law are hereby abrogated.

**Article 17: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 23/07/2008

The President of the Republic  
**KAGAME Paul**  
(sé)

The Prime Minister  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/Attorney General  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**Article 16 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 17 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 23/07/2008

Le Président de la République  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Le Premier Ministre  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

**ITEGEKO N° 24/2008 RYO KUWA 23/07/2008 RISHYIRAHO IMITERERE, IBISOBANURO, IMIKORESHEREZE N'UBURINZI BY'IKIRANGO CYA REPUBULIKA**

**LAW N° 24/2008 OF 23/07/2008 DETERMINING THE CHARACTERISTICS, SIGNIFICANCE, USAGE AND PROTECTION OF THE SEAL OF THE REPUBLIC**

**LOI N° 24/2008 DU 23/07/2008 PORTANT CARACTERISTIQUES, SIGNIFICATION ET GARDE DU SCEAU DE LA REPUBLIQUE**

**Umurambararo: Milimetero mirongo ine (40)**

**Diametre: Forthy (40) millimetres**

**Diamètre: Quarante (40) millimètres**



**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko n° 24/2008 ryo kuwa 23/07/2008.rishyiraho imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'uburinzi by'ikirango cya Repbulika.**

**Seen to be annexed to the Law n° 24/2008 of 23/07/2008 determining the characteristics, significance, usage and protection of the Seal of the Republic.**

**Vu pour être annexé à la Loi n° 24/2008 du 23/07/2008 portant caractéristiques, description, utilisation et garde du Sceau de la République.**

Kigali, kuwa 23/07/2008

Perezida wa Repubulika  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Minisitiri w'Intebe  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya  
Leta  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

Kigali, on 23/07/2008

The President of the Republic  
**KAGAME Paul**  
(sé)

The Prime Minister  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/Attorney General  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)

Kigali, le 23/07/2008

Le Président de la République  
**KAGAME Paul**  
(sé)

Le Premier Ministre  
**MAKUZA Bernard**  
(sé)

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux  
**KARUGARAMA Tharcisse**  
(sé)